

## REPUBLIKA Y'U RWANDA



### URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

#### ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka wa 2021, umunsi wa cyenda w'ukwezi kw'Ukuboza;

Twebwe **MUSABYIMANA Claudine**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na **Muhayimana Bernardin**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **MUVUNYI Said**, wavutse kuwa 1/1/1997 mwene Kabahiga na Uwimana Angelique utuye Amahoro, akagari ka Kamombo, Umurenge Mahama, Akarere ka Kirehe terefoni: 0789429761 Intara y'Iburasirazuba;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa RP/MIN 00088/2021/TGI/NGOMA bumukurikiranyeho icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake, icyaha giteganywa kandi gihanwa n'ingingo ya 121 z'Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018, riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'ya 161 y'Itegeko n° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'Inshinjabyaha, iteganywa uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse **MUVUNYI Said** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kuwa 13/01/2022 Saa 8h:00 saa mbiri za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;



Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo [www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw).

**UMUCAMANZA**

**MUSABYIMANA Claudine**



**UMWANDITSI**

**Muhayimana Bernardin**